# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 21-28 Kanama



P3. Handball: Misiri ni yo yegukanye igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 20

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y’u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n’iby’abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y’Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by’umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n’ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y’u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football:** Habaye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona y'icyiciro cya mbere

P1 **Rugby :** RRF yungutse yungutse Abanyamuryango bashya

P2 **Volleyball:** Gisagara VC na RRA VC zegukanye ibikombe muri Gisaka Open 2022

P3 **Handball:** Misiri ni yo yegukanye igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 20

P4 **Football:** Simba Queens SC yabonye itike y'igikombe cy'Afurika, AS Kigali isoreza ku mwanya wa 4

P4 **CHAN 2023:** Ikipe y'u Rwanda yanganyije na Ethiopia mu mukino ubanza

P5 **Cricket:** Hatangijwe irushanwa ry'amakipe mu bagabo ryatewe inkunga na Dafabet

P6 **Basketball:** Patriots BBC yageze ku mukino wa nyuma wa "Playoffs 2022"

P7 **Cricket :** RCA yiyemeje kongera ibikorwa remezo no gushyiraho uburyo bwo kwinjiza amafaranga

P7 Umukino wo Koga mu Rwanda wungutse abatoza 16

P8 Volleyball : Misiri yegukanye igikombe cy'Afurika, ikipe y'u Rwanda isoreza ku mwanya wa 8

P9 **Amagare :** Manizabayo na Tuyishime ni bo begukanye Kibugabuga Race 2022

## 1 **Football:** Habaye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona y'icyiciro cya mbere

Taliki 19 na 20 Kanama 2022 ni bwo hatangiye shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru umwaka w'imikino wa 2022-2023.

Mu mikino yabaye, ikipe ya APR FC ifite igikombe cya shampiyona giheruka yitwaye neza itsinda Musanze FC ibitego 2-1 naho AS Kigali yabaye iya kabiri itsinda Etincelles FC ibitego 2-0.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 19-08-2022**

- AS Kigali 2-0 Etincelles FC
- APR FC 2-1 Musanze FC
- Espoir FC 1-0 Marines FC
- Sunrise FC 1-0 Police FC

**Taliki 20-08-2022**

- Bugesera FC 1-3 Kiyovu
- Rwamagana City FC 0-1 Gorilla FC
- Gasogi United 1-0 Mukura
- Rayon Sports 2-1 Rutsiro FC



Ubwo ikipe ya Rayon Sports yakinaga na Rutsiro FC



Kiyovu ikina na Bugesera FC

## Rugby: RRF yungutse Abanyamuryango bashya

Ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda "RRF" ryungutse abandi banyamuryango bashya batatu.

Ku wa Gatandatu taliki 20 Kanama 2022, hateranye Inama y'Inteko Rusange yahuje abanyamuryango 15 ba RRF.

Ni inama yize ku ngingo zirimo itangira rya shampiyona ya 2022-2023, kugezwaho raporo y'umwaka wa 2021 no kwakira Abanyamuryango bashya.

Iyi nama yayobowe na Perezida wa RRF, Kamanda Tharcisse yabwiye Abanyamuryango ko iri shyirahamwe rigiye kubaka ikibuga kigezweho mu bikinirwaho umukino wa Rugby.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo bitandukanye, RRF ibifashijwemo n'umufatanyabikorwa, Penguin hasinywe amasezerano afite agaciro ka miliyoni 69 z'amafaranga y'u Rwanda azaherwaho hubakwa ikibuga.

Mu gusoza iyi nama, abanyamuryango bashya batatu ni bo bakiriwe, aba barimo Ruhango Women Rugby Club, UR Rwamagana (abakobwa n'abahungu) na UR Nyagatare (abakobwa n'abahungu).

Umunyamabanga Mukuru wa RRF, Uwitonze Félix, ubwo yagezaga ku banyamuryango imyanzuro y'inama iheruka, yababwiye ko RRF yishimira ko kuva mu mwaka 2019 yabonye ubuzima gatozi butangwa n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB).

**Imyanzuro yose Abanyamuryango bayemeje**

Mu bikorwa biteganywa mu mwaka w'imikino wa 2022-2023 harimo amarushanwa Nyafurika u Rwanda ruzitabira muri Kamena 2022 mu bahungu n'abakobwa. Hari kandi amahugurwa y'ubuvuzi bw'ibanze mu mukino wa Rugby.

Shampiyona y'icyiciro cya Mbere 15s izakinwa mu Gushyingo 2022, shampyona y'icyiciro cya kabiri izakinwa mu Kwakira 2022 mu gihe kandi hazakinwa shampiyona y'amashuri.

Muri uyu mwaka w'imikino wa 2022-2023 kandi hazakinwa irushanwa ry'amakipe atandatu bakina 15.

Hazahugurwa kandi abakinnyi bakiri bato batarengeje imyaka 14 "U-14" ku bijyanye na Tag Rugby.

Harateganywa kandi amahugurwa y'abanyamakuru bo mu gice cy'imikino ku bijyanye n'amategeko y'umukino wa Rugby.

Hateganyijwe amarushanwa y'imbere mu gihugu n'andii mpuzamahanga azitabirwa n'amakipe y'igihugu.

# **Volleyball:** Gisagara VC na RRA VC zegukanye ibikombe muri Gisaka Open 2022

Ikipe ya Gisagara VC mu bagabo na RRA VC mu bagore zegukanye ibikombe mu irushanwa rya “Gisaka Open Volleyball Tournament 2022” ryateguwe n’Akarere ka Kirehe.

Gisaka Open Volleyball Tournament 2022 yatangiye taliki 20 na 21 Kanama 2022 igamije kuzamura impano z’uyu mukino mu Karere ka Kirehe n’utundi bihana imbibi.

Mu bagabo ryitabiriwe n’amakipe 7 naho mu bagore ryitabirwa n’amakipe 6  yiganjemo asanzwe akina shampiyona ya Volleyball mu Rwanda.

Mu bagabo, ikipe ya Gisagara VC ni yo yegukanye igikombe nyuma yo gutsinda REG VC amaseti 3-0 (27-25, 25-20 na 25-15) naho ikipe ya Kirehe VC itahana umwanya wa gatatu itsinze IPRC Ngoma.

Mu bagore, RRA VC igikombe nyuma yo gutsinda APR VC amaseti 3-1 (25-20, 25-19, 18-25 na 25-23). Umwanya wa gatatu wegukanwe na Ruhango VC itsinze IPRC Huye.

Perezida w’ishyirahamwe ry’umukino wa Volleyball mu Rwanda “FRVB”, Ngarambe Raphael yashimiye ubuyobozi bw’Akarere ka Kirehe bwahisemo guteza imbere uyu mukino avuga ko irushanwa ryagenze neza. Yijeje kandi ubufatanye mu kuzamura impano z’abakiri bato muri uyu mukino.

Umuyobozi w’Akarere ka Kirehe, Rangira Bruno we yavuze ko iri rushanwa ryaherukaga kuba mu 2019,  bagiye kujya baritegura buri mwaka mu rwego rwo gufasha abakiri bato kuzamura impano zabo.

Amakipe yegukanye ibikombe yahembwe ibihumbi 600 by’amafaranga y’u Rwanda kuri buri imwe, aya kabiri ahembwa ibiumbi 500 aya gatatu ahembwa ibihumbi 400.








# 3 Handball: Misiri ni yo yegukanye igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 20

Kuva taliki 20 kugeza 27 Kanama 2022, mu Rwanda habereye irushanwa ry'imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 20 mu mukino wa Handball ku nshuro ya 29 "U-20 African Men's Handball Championship Rwanda 2022".

Ikipe ya Misiri ni yo yegukanye iki gikombe nyuma yo gutsinda ku mukino wa nyuma ikipe ya Algeria ibitego 35 kuri 15. Ikipe ya Tunisia ni yo yegukanye umwanya wa 3 itsinze Angola ibitego 24 kuri 22.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 8 aho yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe n'u Rwanda, Tunisia, Maroc na Angola naho itsinda B rigizwe na Misiri, Algeria, Congo Brazzaville na Libiya.

Nyuma y'imikino y'amajonjora ndetse n'imikino ya nyuma yabereye muri BK Arena, ikipe ya Misiri yasoreje ku mwanya wa mbere, ikurikirwa na Algeria, Tunisia (3), Angola (4), Maroc (5), Libiya (6), Congo Brazzaville (7) n'u Rwanda (8).

Amakipe 4 ya mbere, Misiri, Algeria, Tunisia na Angola ni yo azahagararira Afurika mu mikino y'igikombe cy'Isi "IHF Men's Junior World Handball Championship 2023" izabera mu Budage no mu Bugereki.

Nyuma y'iyi mikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 20 hazakurikiraho imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 18 izaba ibaye ku nshuro ya 18 "U-18 African Men's Handball Championship Rwanda 2022". Imikino izatangira taliki 30 Kanama isozwe taliki 06 Nzeri 2022.

**Uko imikino y'Afurika muri rusange yagenze**

**Taliki 20-08-2022**
- Rwanda 20-43 Angola

**Taliki 21-08-2022**
- Misiri 40-23 Libiya
- Algeria 31-30 Congo Brazzaville

**Taliki 22-08-2022**
- Angola 22-25 Tunisia
- Libiya 23-38 Algeria
- Misiri 40-23 Congo Brazzaville
- Maroc 39-22 Rwanda

**Taliki 24-08-2022**
- Congo Brazzaville 21-23 Libiya
- Algeria 27-39 Misiri
- Maroc 26-32 Angola
- Tunisia 43-26 Rwanda

**Taliki 25-08-2022**
- Tunisia 31-18 Maroc

**Imikino ya ½**
- Tunisia 25-29 Algeria
- Misiri 33-24 Angola

**Guhatanira imyanya**

**Umwanya wa 7 & 8**
- Rwanda 34-35 Congo Brazzaville

**Umwanya wa 5 & 6**
- Maroc 31-31 Libiya (35-34)

**Umwanya wa 3 & 4**
- Tunisia 24-22 Angola

**Umukino wa nyuma**
- Misiri 35-15 Algeria





*Ikipe ya Misiri nyuma yo gushyikirizwa igikombe*

## Football: Simba Queens SC yabonye itike y'igikombe cy'Afurika, AS Kigali isoreza ku mwanya wa 4

Kuva taliki 14 kugeza 27 Kanama 2022 i Dar Es Salaam muri Tanzania habereye irushanwa ryo gushaka itike y'imikino y'Afurika y'amakipe yabaye aya mbere iwayo mu cyiciro cy'abagore mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba "CAF Women's Champions League Qualifiers CECAFA zone Tanzania 2022".

Iyi mikino yari yitabiriwe n'amakipe 8 aho yari agabanyijwe mu matsinda abiri. Itsinda A ryari ririmo ikipe ya Commercial Bank E. FC (Ethiopia), Warriors Quens FC (Zanzibar), Fofila PF (Burundi) na AS Kigali (Rwanda) naho itsinda B ririmo Simba Queens SC (Tanzania), Garde Republicaine FC (Djibouti), She Corporates (Uganda) na Yei Joint Stars FC (South Sudan).

Ikipe ya Simba Queens SC yo muri Tanzania ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya She Corporates yo muri Uganda igitego 1-0. Iyi kipe ya Simba Queens SC yari yageze ku mukino wa nyuma itsinze ikipe ya AS Kigali yo mu Rwanda muri ½ ibitego 5-1.

**Uko ikipe ya AS Kigali yitwaye**

Ikipe ya AS Kigali yari yaserukiye u Rwanda yitwaye neza mu itsinda A ikomeza muri ½ , iyi kipe yatsinze Fofila PF y'i Burundi ibitego 2-1 inatsinda Warriors Quens FC yo muri Zanzibar ibitego 3-0 nyuma itsindwa na Commercial Bank E. FC yo muri Ethiopia ibitego 2-0.

Muri ½ , AS Kigali yatsinzwe na Simba Queens SC ibitego 5-1 nyuma mu guhatanira umwanya wa 3 itsindwa na Commercial Bank E. FC ibitego 3-1.






## CHAN 2023: Ikipe y'u Rwanda yanganyije na Ethiopia mu mukino ubanza

Ethiopia 0-0 Rwanda

**Taliki 03-09-2022**
Rwanda-Ethiopia (Huye-15h00)

Ku wa Gatanu taliki 26 Kanama 2022 i Dar Es Salaam muri Tanzania kuri Benjamin Mkapa Stadium habereye umukino ubanza wo gushaka itike ya CHAN 2023 aho ikipe y'u Rwanda yanganyije na Ethiopia 0-0.

Nyuma y'uyu mukino ubanza, ikipey'u Rwanda igomba kwitegura umukino wo kwishyura biteganyijwe ko uzabera kuri Sitade ya Huye taliki 03 Nzeri 2022.

Kugeza ubu aya makipe yombi aracyafite amahirwe yo kubona itike. Ikipe y'u Rwanda irasabwa gutsinda cyangwa kunganya mu bitego hakitababwa penaliti mu gihe ikipe ya Ethiopia kunganya mu bitego cyangwa gutsinda yahita ibona itike.

Si ubwa mbere ikipe y'u Rwanda igiye guhura na Ethiopia mu gushaka itike ya CHAN kuko muri 2019 mu gushaka itike ya CHAN 2020, ikipe y'u Rwanda yabonye itike isezereye Ethiopia ku bitego 2-1 mu mikino yombi.

Muri 2017 mu gushaka itike ya CHAN 2018 na bwo, ikipe y'u Rwanda yasezereye Ethiopia ku bitego 3-2 mu mikino yombi.

Mu gushaka itike ya CHAN 2014, ikipe ya Ethiopia yasezereye u Rwanda kuri penaliti 6-5 nyuma yo kunganya igitego 1-1 mu mikino yombi.



# 5 Cricket: Hatangijwe irushanwa ry'amakipe mu bagabo ryatewe inkunga na Dafabet

Guhera ku Cyumweru taliki 28 Kanama 2022 ku kibuga mpuzamahanga cya Gahanga hatangijwe irushanwa ry'amakipe y'icyiciro cya mbere mu bagabo mu mukino wa Cricket "Dafabet RCA T20 League 2022".

Iri rushanwa rizamara ukwezi ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufatanye n'abaterankunga barimo Dafabet, kompanyi yo mu Buhinde ikora ibijyanye no gutega ku mikino ndetse na Simba Voyages Ltd ikora ibijyanye n'ingendo zo mu kirere. Aba baterankunga bakaba barasinye amasezerano y'ubufatanye na RCA y'imyaka 3 akazajya avugururwa buri mwaka.

Umuyobozi ushinzwe ibikorwa muri RCA, Byiringiro Emmanuel atangaza ko iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 6 yo mu cyiciro cya mbere mu bagabo. Akomeza avuga ko kubera aba baterankunga muri iri rushanwa bazahemba ikipe izatwara igikombe miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda ndetse n'abakinnyi bitwaye neza bakagenerwa ibihembo.

Amakipe yitabiriye iri rushanwa rizasozwa taliki 02 Ukwakira2022 ni Kutchi Tigers CC, Challengers CC, Spartans CC, KCC, Zonic Tigers CC na Telugu Royals CC.

Iri rushanwa rikaba rizajya ryerekanwa ku buryo bw'ikoranabuhanga kugira ngo n'abatabasha kugera ku kibuga babashe gukurikina imikino binyuze kuri "Youtube" ya RCA.

**Umunsi wa mbere w'irushanwa**

Ku munsi wa mbere w'iri rushanwa "Dafabet RCA T20 League 2022", ikipe ya Telugu Royals CC yakinnye na Kutchi Tigers CC. Ikipe ya Telugu Royals CC ni yo yatangiye ikubita agapira ishaka amanota « Batting » maze mu dupira120 (Overs 20) ikora amanota 135 mu gihe abakinnyi 7 ari bo bari basohowe mu kibuga.

Mu gice cya kabiri, ikipe ya Kutchi Tigers CC yasabwaga amanota 136 kugira ngo yegukane intsinzi . Uyu mukino nta bwo washoboye kurangira kubera imvura. Mu dupira 90 (Overs15), ikipe ya Kutchi Tigers CC yari imaze gukora amanota 81 aho abakinnyi 4 ari bo bari basohowe mu kibuga. Nyuma yo kwifashisha uburyo bwo kureba uko ikipe yatsindaga amanota "DLS", ikipe ya Telugu Royals CC yegukanye intsinzi ku kinyuranyo cy'amanota 15.

Umukinnyi wa Telugu Royals CC, Simon Sessazi ni we wabaye umukinnyi witwaye neza muri uyu mukino.

Umukino wakurikiyeho, ikipe Challengers CC yitwaye neza itsinda ikipe ya Spartans CC.

Ikipe ya Spartans CC ni yo yatangiye ikubita agapira ishaka amanota "Batting" maze mu dupira 120 (Overs 20) ikora amanota 105 mu gihe abakinnyi 6 ari bo basohowe mu kibuga.

Mu gice cya kabiri ikipe ya Challengers CC yasabwaga amanota 106 kugira ngo itsinde uyu mukino yitwaye neza kuko mu dupira 112 (Overs 18.5) yari imaze gukora aya manota .

Ndikubwimana Didier ukinira ikipe ya Challengers CC ni we watowe nk' umukinnyi witwaye neza muri uyu mukino aho yatsinze amanota 59 mu dupira 50 yakinnye.

Imikino y'umunsi wa kabiri, taliki 3 Kanama 2022, ikipe ya Spartans CC izakina na Zunic Tigers CC mu gihe taliki 04 Nzeri 2022, ikipe ya KCC izakina na Challengers CC naho Spartans CC ikine na Kutchi Tigers CC. Iyi mikino yose ikaba izabera kuri Sitade mpuzamahanga ya Gahanga.



# Basketball: Patriots BBC yageze ku mukino wa nyuma wa "Playoffs 2022"

Ikipe ya Patriots BBC iheruka igikombe cya shampiyona muri 2020 yitwaye neza mu mikino ya ½ ya "Playoffs 2022" mu bagabo itsinda ikipe ya Tigers BBC imikino 2-0 ihita ikatisha itike yo gukina umukino wa nyuma.

Nyuma y'imikino ya shampiyona , ikipe ya Patriots BBC yasoje iyoboye aho yari ikurikiwe na REG BBC, APR BBC na Tigers BBC.

Mu mikino ya "Playoffs 2022" , ikipe ya Patriots BBC yagombaga gukina na Tigers BBC naho REG BBC igakina na APR BBC zitanguranwa gutsinda imikino ibiri muri itatu.

Iyi mikino yabaye mu mpera z'icyumweru gishize taliki 26 na 28 Kanama 2022. Ikipe ya Patriots BBC yatsinze Tigers BBC umukino wa mbere ku manota 91 kuri 45 naho umukino wa kabiri, Patriots BBC itsinda amanota 73 kuri 51.

Ku ruhande rwa REG BBC ifite igikombe cya shampiyona giheruka nta bwo yahise igera ku mukino wa nyuma kuko yatsinze APR BBC ku mukino wa mbere amanota 85 kuri 47 naho umukino wa kabiri ikipe ya APR BBC iyitsinda ku manota 68 kuri 59.

Nyuma yo kunganya umukino 1-1, taliki 31 Kanama 2022, aya makipe yombi, REG BBC na APR BBC agomba kwisobanura agakina umukino wa gatatu hakamenyekana ikipe izasanga Patriots BBC ku mukino wa nyuma.

Mu bagore, ikipe ya REG BBC na APR BBC ni zo zizakina umukino wa nyuma. Aya makipe yabigezeho nyuma yo kwitwara neza muri ½.

Ikipe ya REG BBC yasezereye The Hoops iyitsinze imikino 2-0. Umukino wa mbere REG BBC yatsinze The Hoops amanota 71 kuri 47 naho umukino wa kabiri REG BBC itsinda The Hoops amanota 90 kuri 34.

Ikipe ya APR BBC na yo yageze ku mukino wa nyuma itsinze IPRC Huye imikino 2-0. Umukino wa mbere, APR BBC yatsinze IPRC Huye amanota 69 kuri 56 naho umukino wa kabiri, APR BBC itsinda IPRC Huye amanota 79 kuri 70.

Biteganyijwe ko imikino ya nyuma izatangira taliki 07 Nzeri 2022 muri BK Arena. Ikipe izegukana igikombe ni izabasha gutsinda imikino 3 muri 5.

Ikipe ya REG BBC mu bagabo n'abagore ni yo yegukanye shampiyona y'icyiciro cya mbere umwaka ushize wa 2020-2021.

**Uko imikino ya ½ ya "Playoffs 2022" yagenze**

**Mu bagabo**
**Taliki 26-08-2022**
- Patriots BBC 91-45 Tigers BBC
- REG BBC 85-47 APR BBC

**Taliki28-08-2022**
- Tigers BBC 51-73 Patriots BBC
- APR BBC 68-59 REG BBC

**Taliki 31-08-2022**
- REG BBC-APR BBC

**Mu bagore**
**Taliki 26-08-2022**
- REG BBC 71-47 The Hoops
- APR BBC 69-56 IPRC Huye

**Taliki 28-08-2022**
- IPRC Huye 70-79 APRBBC
- The Hoops 34-90 REG BBC




*Ikipe ya REG BBC na APR BBC zigomba gukina umukino wa gatatu*

# Cricket : RCA yiyemeje kongera ibikorwa remezo no gushyiraho uburyo bwo kwinjiza amafaranga

Ku wa Gatandatu taliki 27 Kanama 2022 habaye Inama y'Inteko Rusange y'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ahafashwe umurongo wo kongera ibikorwa remezo ndetse no gushyiraho uburyo bwo kwinjiza amafaranga.

Muri iyi nama Abanyamuryango barebeye hamwe uko umwaka w'imikino wa 2021-2022 wagenze, basuzumira hamwe raporo y'umugenzuzi w'imari n'uko umutungo wakoreshejwe ndetse banarebera hamwe iterambere ry'umukino wa Cricket mu Rwanda muri rusange.

Mu bijyanye no kongera ibikorwa remezo, Umuyobozi ushinzwe ibikorwa muri RCA, Byiringiro Emmanuel yatangaje ko hari gahunda yuko uturere twose dufite amakipe ya Cricket hagiye kurebwa uko hakubakwa ibibuga kugira ngo bifashe abo bakinnyi kubona aho bitoreza.

Muri gahunda yo kubaka Cricket ikaba umukino winjiza amafaranga, Perezida wa RCA, Steven Musaale yatangaje ko hagiye kongerwa umubare w'abafatanyabikorwa n'amarushanwa menshi cyane mpuzamahanga.

**Ibyakozwe mu mwaka w'imikino wa 2021-2022**

Perezida wa RCA, Steven Musaale yatangaje ko uyu mwaka w'imikino ari uwo kwishimira kuko u Rwanda rwahawe kwakira imikino y'Afurika yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi mu batarengeje imyaka 19 no mu cyiciro cy'abakuru mu bagabo kandi imikino ikaba yaragenze neza.

Mu bindi kandi hishimiwe ko ikipe y'igihugu y'abagore yegukanye igikombe mu irushanwa mpuzamahanga ritegurwa n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket muri Nigeria.

Mu bindi bikorwa, uyu mwaka wa 2022 hishimiwe ko irushanwa ngarukamwaka ryo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Kwibuka Women's T20 Tournament 2022" uyu mwaka ryitabiriwe n'ibihugu byinshi harimo bibiri byaturutse hanze y'umugabane w'Africa aribyo u Budage na Brazil.

Ku bijyanye na raporo y'imikoreshereze y'umutungo, Abanyamuryango bishimiye uko umutungo wakoreshejwe ndetse banatangaza ko bishimira ko n'ingengo y'imari yiyongereye binyuze mu bafatanyabikorwa bagiye babona ndetse bakishimira n'inkunga bahawe na Minisiteri ya Siporo.

Muri gahunda y'iterambere ry'umukino wa Cricket mu Rwanda, Abanyamuryango ba RCA bishimira ko ubu uyu mukino umaze kugera mu bigo 108 by'amashuri abanza n'ayisumbuye ukaba umaze kugera mu turere 18 muri 30 tugize u Rwanda gusa hakaba hari gahunda yo kuwugeza mu turere twose tw'igihugu.

Aha hemejwe ko hagiye kongerwa umubare w'abatoza bafasha muri iyi gahunda yo guteza imbere umukino ndetse bakongererwa n'ubumenyi.

Mu bindi bikorwa biteganyijwe, Umuyobozi ushinzwe ibikorwa, Byiringiro Emmanuel yamenyesheje Abanyamuryango ko ikipe y'igihugu y'abatarengeje imyaka 19 mu bakobwa igiye kwerekeza muri Botswana kuva taliki 01 Nzeri 2022 mu irushanwa ryo gushaka itike y'igikombe cy'Isi mu gihe mu bahungu na bo batarengeje imyaka 19 ikipe y'u Rwanda izajya muri Nigeria kuva taliki 21 Nzeri kugeza 02 Ukwakira 2022. Aya makipe yose akaba arimo kwitegura kandi atanga n'icyizere cyo kuzitwara neza.

Igihugu cy'u Rwanda kandi cyongeye guhabwa kwakira imikino y'amajonjora y'Afurika yo gushaka iti y'igikombe cy'Isi mu bagabo, iyi mikino iteganyijwe kuba mu Gushyingo 2022.

# Umukino wo Koga mu Rwanda wungutse abatoza 16

Biciye mu mahugurwa, ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" ryungutse abatoza 16 mu gutoza umukino wo Koga ukinirwa mu biyaga "Open Water".

Aya mahugurwa yabereye i Karongi taliki 15 kugeza 19 Kanama 2022. Abahuguwe bahuguwe ibijyanye no gutoza uyu mukino mu mazi magari kuruta uko bawutozaga muri Pisine.

Aya mahugurwa "FINA Open Water Training for Coaches Level I"yatanzwe na Mohamed Marouf wavuye muri Canada yoherejwe n'impuzamashyirahamwe y'umukino wo Koga ku Isi "FINA" hagamijwe kuzamura urwego rw'uyu mukino.

Abatoza bitabiriye aya mahugurwa bari bahagarariye amakipe 9. Amakipe yari ahagarariwe ni AQUA Wave (Nyarutarama Tennis Club), Cercle Sportif de Karongi, Karongi CBS, Rwamagana Swimming Club, Rwesero Swimming Club, Gisenyi Beach Boys, Vision Jeunesse Nouvelle na Les Dauphins.

Mu gusoza aya mahugurwa, Perezida wa RSF , Rugabira Girimbabazi Pamela yasuye ikipe ya Karongi abasaba kubyaza umusaruro amazi baturiye (ikiyaga cya Kivu) mu rwego rwo kuzaha igihugu umusaruro mwiza muri uyu mukino.

Uyu muyobozi wishimiye aya mahugurwa yavuze ko yizeye umusaruro mwiza w'abatoza babashije kuyakurikirana.

Ati: "Aya mahugurwa agamije guha ubumenyi bwisumbuyeho abatoza batoreza mu biyaga. Kuko twasanze abakinnyi bacu bitoreza mu biyaga bakeneye gutera imbere mu bijyanye na tekiniki, dusanga rero tugomba kongerera ubumenyi ababatoza."

Yongeyeho ati : "Abatoreza muri Pisine no mu mazi magari byose bigomba kuzamukana kuko hombi tuhafite abakinnyi b'abahanga kuko turashaka ko bazamukira rimwe. Hose hari impano."

Perezida wa RSF, Rugabira Girimbabazi Pamela yasabye abahuguwe gushyira mu bikorwa ubumenyi bahawe kugira ngo bizafashe igihugu kuzamura uyu mukino biciye mu gufasha abawukina.

Umutoza muri Les Dauphins, Ishimwe Eugène uri mu bahuguwe ahamya ko hari byinshi we na bagenzi be bungukiye muri aya mahugurwa bari bamazemo iminsi itanu.



# Volleyball : Misiri yegukanye igikombe cy'Afurika, ikipe y'u Rwanda isoreza ku mwanya wa 8

Kuva taliki 15 kugeza 22 Kanama 2022 i Tunis muri Tunisia habereye irushanwa ry'Afurika mu batarengeje imyaka 21 mu mukino wa Volleyball mu bahungu "U-21 Men's Africa Nations Volleyball Championship 2022". Ikipe ya Misiri yegukanye igikombe naho ikipe y'u Rwanda isoreza ku mwanya wa nyuma wa 8.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 8 aho yari mu matsinda abiri. Itsinda A ryari ririmo Tunisia, Nigeria, Maroc na Gambia naho itsinda B ririmo Misiri, Cameroun, u Rwanda na Libiya.

Ikipe ya Misiri ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Tunisia amaseti 3-1 (25-17, 25-22, 21-25 na 25-23). Misiri yari yageze ku mukino wa nyuma isezereye Nigeria muri ½ iyitsinze amaseti 3-1 na hoTunisia isezerera Cameroun iyitsinze amaseti 3-0.

Iyi kipe ya Misiri yisubije iki gikombe dore ko ari yo yari igifite nyuma yo kucyegukana muri 2020 ubwo iyi mikino y'Afurika yaberega i Cairo mu Misiri.

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya Cameroun yitwaye neza itsinda Nigeria amaseti 3-0 (25-21, 25-20 na 25-23).

Ikipe ya Libiya yegukanye umwanya wa 5 itsinze Gambia amaseti 3-0 (25-23, 25-19 na 25-23) naho ku mwanya wa 7 hasoreza ikipe ya Maroc itsinze u Rwanda amaseti 3-1 (25-23,31-29, 18-25 na 25-14).

**Hatowe ikipe y'irushanwa**

- **Opposite:** David Nkeme (Cameroun)
- **Middle Blocker:** Ibrahim Ahmed (Misiri) na Azohoye Pascal Geoffrey (Nigeria)
- **Outside Hitter:** Awad Hamza (Misiri) na Jaiyeola Abdulquadri Opeyemi (Nigaria)
- **Setter:** Baccour Walid Wokhtar (Tunisia)
- **Libero:** Ben Mabrouk Maleck (Tunisia)

Umukinnyi witwaye neza mu irushanwa ryose "MVP" yabaye Kavogo Yaoussi (Cameroun).

**Uko amakipe yakurikiranye**

Ikipe yabaye iya mbere ni Misiri aho yakurikiwe na Tunisia (2), Cameroun (3), Nigeria (4), Libiya (5), Gambia (6), Maroc (7) n'u Rwanda (8).

**Uko ikipe y'u Rwanda yitwaye**

Ikipe y'u Rwanda mu mikino y'amajonjora mu itsinda B yatsinzwe na Libiya amaseti 3-1 (25-18,25-13, 24-26 na 25-8), itsindwa na Cameroun amaseti 3-0 (25-16, 25-18 na 25-20) inatsindwa na Misiri amaseti 3-0 (25-16, 25-13 na 25-13).

Kuko amakipe yari yitabiriye ari 8 yahise akomeza muri ¼ maze ikipe y'u Rwanda yari yabaye iya nyuma mu itsinda B ihura na Tunisia yari yazamutse iyoboye itsinda A.

Muri uyu mukino wa ¼ , ikipe ya Tunisia yatsinze u Rwanda amaseti 3-0 (25-23,25-15 na 25-15).

Nyuma yo gusezererwa muri ¼ , ikipe y'u Rwanda yakinnye imikino yo guhatanira imyanya aho yatsinzwe na Gambia amaseti 3-0 (25-11,25-13 na 25-14) mu guhatanira imyanya ya 5-8.

Mu guhatanira umwanya wa 7, ikipe ya Maroc yatsinze u Rwanda amaseti 3-1 (25-23, 31-29, 18-25 na 25-14) bituma isoreza ku mwanya wa nyuma nta mukino n'umwe itsinze.

Ni ubwa mbere ikipe y'u Rwanda isoreje ku mwanya mubi muri iyi mikino kuko muri 2010, ikipe y'u Rwanda U-21 yegukanye umwanya wa kane, muri 2013 yegukana umwanya wa 3 inabona itike y'igikombe cy'Isi cyabereye muri Turukiya. Muri 2018 ubwo imikino y'Afurika yaberaga muri Nigeria yasoreje ku mwanya wa 4.

**Abakinnyi bari baserukiye u Rwanda**

**Setter:** Kayihura Victor (Gisagara VC) na Rugambarara Aime Calvin (PSVF).
**Middle:** Ntayomba Arnaud (St Joseph), Mugisha Rurangwa Irene (Christ Roi) na Nshuti Arnaud (PSVF).
**Left/Receiver:** Nshuti Jean Paul (St Joseph), Patrick Ishimwe (GSOB), Gisubizo Merci (APR VC) na Rukundo Willy (St Joseph).
**Opposite:** Singizwa Philippe Neri na Tugizumukiza Herve (Christ Roi)
**Libero:** Ivan Bagabe (Christ Roi).
Umutoza mukuru yari Ntawangundi Dominique yungirijwe na Hatungimana Jean Claude.



# Amagare : Manizabayo na Tuyishime ni bo begukanye Kibugabuga Race 2022

Mu isiganwa ryiswe “Kibugabuga Race 2022”, umukinnyi wa Benediction Ignite, Manizabayo Eric na Tuyishime Jacqueline bakinana mu ikipe imwe ni bo begukanye iri siganwa.

Iri risiganwa ryabaye ku bufatanye bw’ishyirahamwe ry’umukino wo gusiganwa ku magare mu Rwanda “FERWACY”n’Akarere ka Bugesera, abakinnyi (abagabo) bahagurukiye i Masaka i Bugesera kuri GS Kamabare bakoze intera ya kilometero 116.

Abakobwa n’ingimbi bahagurukiye i Nyanza ya Kicukiro basoreza na bo i Bugesera GS Kamabare bakoze intera ya kilometero 86.

Manizabayo Eric ukinira Benediction Ignite na Uhiriwe Byiza Renus ukinira NICE-OBOR baje gucika bagenzi babo ubwo bari bageze mu Murenge wa Nyamata bakomeza kugenda imbere kugeza basoje aho bakoresheje amasaha 2, iminota50 n’amasegonda 25. Gusa Manizabayo ni we waje imbere.

Byukusenge Patrick ukinira Benediction Ignite yaje ku mwanya wa Gatatu akoresheje amasaha abiri n’iminota 54 n’amasegonda 10.

Mu ngimbi, Tuyizere Hashim wa Les Amis Sportifs y’i Rwamagana ni we wabaye uwa mbere akoresheje amasaha abiri n’iminota 6 n’amasegonda 14. Mushimiyimana Jean Bosco bakinana aba uwa kabiri akoresheje amasaha abiri n’iminota 9 n’amasegonda 15.

Mu bakobwa bakuru “Elites”, Tuyishime Jacqueline wa Benediction Ignite ni we watsinze bagenzi be akoresheje amasaha abiri n’iminota 9 n’amasegonda 15, akurikirwa na Mukashema Josiane bakinana wakoresheje amasaha abiri n’iminota 9 n’amasegonda 15.

Mu bangavu, Uwera Aline wa Bugesera Cycling Team yabaye uwa mbere akoresheje amasaha abiri n’iminota 11 n’amasegonda 54, akurikirwa na Umwamikazi Djazila wa Les Amis Sportifs wakoresheje amasaha abiri n’iminota 11 n’amasegonda 54.

Uwa Mbere mu cyiciro cy’abakuru (abahungu) yahembwe ibihumbi 100, mu bakobwa ahembwa ibihumbi 80.

Mu ngimbi uwa mbere yahembwe ibihumbi 80 mu gihe mu bangavu uwa mbere yahembwe ibihumbi 70 .

Hahembwe kandi batanu ba mbere muri buri cyiciro cy’abato, mu bahungu (Elites) hahembwe icumi ba mbere, mu bakobwa (Elites) hahembwa batanu ba Mbere.

Mu mwaka ushize, Mugisha Samuel ni we wari wegukanye iri siganwa mu bagabo, mu gihe mu bagore ryari ryegukanywe na Mukashema Josiane naho mu ngimbi ryari ryegukanywe na Iradukunda Valens.





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave